Ijambo rya Bwana Tomio SAKAMOTO Umujyanama w' Ambasade y' Ubuyapani ku munsi w' Umuganda gutera ibiti i Gahanga kw'itariki ya 28 Ugushyingo 2015

Bwana Anicet RWAMA, Uhagarariye JAAR,
Abanyamuryango ba JICA mu Rwanda,
Baturage b' Umurenge wa Gahanga,
Bantu mwese muri hano: Mwaramutse!

Nishimiye cyane kuba naje kwifatanya namwe gukora umuganda uyu munsi nkaba nshaka gushimira abayobozi ba JAAR badutumiye. Nagirango kandi mbashimire by' umwihariko kuri iki gikorwa cyiza bateguye cyo gutera ibiti kuko ari ingirakamaro. Ibyiza by' igiti ni byinshi mu mibereho y' umuntu buri munsi haba mu bukungu, mu mibereho myiza, mu buvuzi, mu kurengera ibidukikije n' ibindi.

Ngiye kumara imyaka igeze kuri itatu mba hano mu Rwanda ibyo bivuze ko mpamenyereye kandi nagize igihe gihagije cyo kubona ibikorwa byinshi byiza mu muganda. Nagiye mbona umwanya wo kwifatanya n' Abanyarwanda mu bikorwa bimwe na bimwe by' umuganda. Umwaka ushize nabwo naje hano gutera ibiti. Murumva rero ko uyu munsi atari ubwa mbere nje gukora umuganda.

Nkuko dukunda kubigaragaza leta y' Ubuyapani itera inkunga nyinshi zitandukanye u Rwanda muri gahunda iki gihugu cyiyemeje yo kugera kw' iterambere rirambye. Kuri jye nkaba nishimira kubona ibikorwa byinshi byiza u Rwanda rugeraho uko imyaka igenda ihita kandi bishimishije.

Nkaba ngirango mbizeze ko Ubuyapani buzakomeza kwifatanya n' Abanyarwanda mu kuzamura iri terambere hifashishijwe ibikorwa byinshi bitandukanye, navuga nko guteza imbere uburezi, ubuhinzi, ubukungu, gushyigikira inyubako z' ibikorwa remezo n' ibindi byinshi.

Murakoze cyane. Mugire amahoro.